Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Gakenke

Gakenke, 7/10/2025
N°....214../07.04.02/A.N.R/DAO

## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko hari akazi ku mwanya wa SITE BASED EXTENSION AGENTS (SBEA) kuri site za FOBASI (Food Basket Sites) ziherereye mu Mirenge ya Kamubuga, Kivuruga, Mugunga/Rusasa, Busengo,Muzo, Nemba na Muyongwe.

**Kugira ngo umuntu yemererwe gukora ku mwanya wa SITE BASED EXTENSION AGENTS (SBEA) agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba afite impano yo bukorera bushake (volunteering)
3. Kuba agejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko ariko atarengeje imyaka mirongo itandatu (60).
4. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire
5. Kuba atarigeze akatirwa igifungo ntakuka kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6).
6. Kuba yarize ubuhinzi afite Impamyabumenyi nibura y'amashuri yisumbuye (A2) mu Buhinzi kandi azi gukoresha neza imachine , kuba afite Impamyabumenyi irenzeho ni akarusho.
7. Kuba atuye mu Murenge site ya FOBASI iherereyemo.
8. Kuba yiteguye guhita atangira akazi

**Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bilkurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke
2. Fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri
3. Fotokopi y'indangamuntu



CamScanner

4. Icyemezo cy'Imico n'Imyifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'Umurenge

Abifuza ako kazi kandi bujuje ibisabwa bagomba kugeza dosiye zisaba akazi mu Bunyamabanga Rusange bw'Imirenge yavuzwe haruguru bitarenze tariki ya 13/10/2025.

Bikorew e i Gakenke, kuwa 07/10/2025

**NANKUNDA Jolly**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akarere ka Gakenke**



CamScanner